

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/07.01 RYO KU WA 21/05/2025 RYEREKEYE IYANDIKWA RY'IRANGAMIMERERE</p> <p><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p><u>UMUTWE WA II:</u> IBITABO BY'IRANGAMIMERERE</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Imiterere y'ibitabo by'irangamimerere</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Umubare w'ibitabo bikoreshwa muri buri biro by'irangamimerere</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibikwa ry'ibitabo by'irangamimerere byujwwe ku mpapuro</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Uburyo ibikubiye mu bitabo by'irangamimerere byujwwe ku mpapuro bibikwa</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Agaciro k'inyandiko y'irangamimerere ibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/07.01 OF 21/05/2025 ON CIVIL STATUS REGISTRATION</p> <p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p><u>CHAPTER II:</u> CIVIL STATUS REGISTERS</p> <p><u>Article 2:</u> Format of civil status registers</p> <p><u>Article 3:</u> Number of registers used in each civil status office</p> <p><u>Article 4:</u> Archiving of physical civil status registers</p> <p><u>Article 5:</u> Modalities of keeping data of physical civil status registers</p> <p><u>Article 6:</u> Value of the civil status record kept electronically</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/07.01 DU 21/05/2025 RELATIF À L'ENREGISTREMENT DE L'ÉTAT CIVIL</p> <p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES</p> <p><u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté</p> <p><u>CHAPITRE II :</u> REGISTRES DE L'ÉTAT CIVIL</p> <p><u>Article 2 :</u> Format des registres de l'état civil</p> <p><u>Article 3 :</u> Nombre des registres utilisés dans chaque bureau de l'état civil</p> <p><u>Article 4 :</u> Archivage des registres physiques de l'état civil</p> <p><u>Article 5 :</u> Modalités de la tenue des données des registres physiques de l'état civil</p> <p><u>Article 6 :</u> Valeur de l'acte de l'état civil tenu électroniquement</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 7:</u> Igihe ibikubiye mu nyandiko z'irangamimerere bibitse mu buryo bw'ikoranabuhanga bimara bibitse</p> <p>UMUTWE WA III: UMWANDITSI W'IRANGAMIMERERE MU KIGO CY'UBUVUZI, INSHINGANO ZE N'UBURYO ZISHYIRWA MU BIKORWA</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Inyandiko ihabwa uwandikishije ivuka ry'umwana ryabereye mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Imenyesha ry'umuntu ufite irangamimerere ritazwi wapfiriye mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Kugenzura imirimo y'umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>UMUTWE WA IV: KWANDIKISHA IVUKA RYAKEREREWE N'IVUKA RYAKEREREWE CYANE</p>	<p><u>Article 7:</u> Conservation duration of data of civil status records kept electronically</p> <p>CHAPTER III: CIVIL REGISTRAR IN A HEALTHCARE FACILITY, THEIR RESPONSIBILITIES AND MODALITIES FOR THEIR PERFORMANCE</p> <p><u>Article 8:</u> Civil registrar in a healthcare facility</p> <p><u>Article 9:</u> Responsibilities of civil registrar in a healthcare facility</p> <p><u>Article 10:</u> Record issued to a person declaring that a birth occurred in a healthcare facility</p> <p><u>Article 11:</u> Declaration of a death that occurs in a healthcare facility for a person of unknown civil status</p> <p><u>Article 12:</u> Supervision of the activities of a civil registrar in a healthcare facility</p> <p>CHAPTER IV: LATE BIRTH REGISTRATION AND DELAYED BIRTH REGISTRATION</p>	<p><u>Article 7 :</u> Durée de conservation des données des actes de l'état civil tenus électroniquement</p> <p>CHAPITRE III : OFFICIER DE L'ÉTAT CIVIL DANS UN ÉTABLISSEMENT DE SANTÉ, SES ATTRIBUTIONS ET LES MODALITÉS DE LEUR EXERCICE</p> <p><u>Article 8 :</u> Officier de l'état civil dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 9 :</u> Attributions de l'officier de l'état civil dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 10 :</u> Acte délivré à une personne qui déclare une naissance survenue dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 11 :</u> Déclaration du décès d'une personne inconnue survenu dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 12 :</u> Supervision des activités de l'officier de l'état civil dans un établissement de santé</p> <p>CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT TARDIF DE NAISSANCE ET ENREGISTREMENT RETARDÉ DE NAISSANCE</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 13:</u> Isobanura</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zishobora gutera iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikikisha ry'ivuka ryakererewe cyane</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Ibisabwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ryabereye mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Ibisabwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ryabereye ahatari mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Ibisabwa by'umwihariko ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ryabereye ahatari mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Aho iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane rikorerwa</p> <p><u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Ingingo y'ururimi</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Ingingo ivanaho</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Gutangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 13:</u> Interpretation</p> <p><u>Article 14:</u> Grounds for late birth registration or delayed birth registration</p> <p><u>Article 15:</u> Requirements for late birth registration or delayed birth registration for birth occurred in a healthcare facility</p> <p><u>Article 16:</u> Requirements for a late birth registration or delayed birth registration for birth not occurred in healthcare facility</p> <p><u>Article 17:</u> Particular requirements for delayed birth registration for birth not occurred in a healthcare facility</p> <p><u>Article 18:</u> Place of late birth registration or delayed birth registration</p> <p><u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS</p> <p><u>Article 19:</u> Language provision</p> <p><u>Article 20:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 21:</u> Entry into force</p>	<p><u>Article 13 :</u> Interprétation</p> <p><u>Article 14 :</u> Motifs de l'enregistrement tardif de naissance ou de l'enregistrement retardé de naissance</p> <p><u>Article 15 :</u> Exigences pour l'enregistrement tardif ou retardé de la naissance survenue dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 16 :</u> Exigences pour l'enregistrement tardif ou retardé de la naissance non survenue dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 17 :</u> Exigences particulières pour l'enregistrement retardé de la naissance non survenue dans un établissement de santé</p> <p><u>Article 18 :</u> Lieu d'enregistrement tardif de naissance ou d'enregistrement retardé de naissance</p> <p><u>CHAPITRE V :</u> DISPOSITIONS FINALES</p> <p><u>Article 19:</u> Disposition linguistique</p> <p><u>Article 20:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 21:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	---

<u>IMIGEREKA</u>	<u>ANNEXES</u>	<u>ANNEXES</u>
<u>Umugereka wa 1:</u> Igitabo cy'innyandiko z'amavuko	<u>Annex 1:</u> Register of birth records	<u>Annexe 1 :</u> Registre des actes de naissance
<u>Umugereka wa 2:</u> Igitabo cy'innyandiko z'abapfuye	<u>Annex 2:</u> Register of death records	<u>Annexe 2 :</u> Registre des actes de décès
<u>Umugereka wa 3:</u> Igitabo cy'innyandiko z'abashyingiranywe	<u>Annex 3:</u> Register of marriage records	<u>Annexe 3 :</u> Registre des actes de mariage
<u>Umugereka wa 4:</u> Igitabo cy'innyandiko z'ubwishingire byanditswe ku mpapuro	<u>Annex 4:</u> Register of guardianship records	<u>Annexe 4 :</u> Registre des actes de tutelle
<u>Umugereka wa 5:</u> Igitabo cy'innyandiko zerekeye kwemera abana bavutse ku batarashyingiranywe	<u>Annex 5:</u> Register of recognition of children born out of wedlock	<u>Annexe 5 :</u> Registre des actes de reconnaissance des enfants nés hors mariage
<u>Umugereka wa 6:</u> Igitabo cy'innyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye	<u>Annex 6:</u> Register of adoption records	<u>Annexe 6 :</u> Registre des actes d'adoption
<u>Umugereka wa 7:</u> Igitabo cy'innyandiko zerekeye ubutane	<u>Annex 7:</u> Register of divorce records	<u>Annexe 7 :</u> Registre des actes de divorce

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/07.01 RYO KU WA 21/05/2025 RYEREKEYE IYANDIKWA RY'IRANGAMIMERERE</p> <p>Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 71/2024 ryo ku wa 26/06/2024 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 61, iya 67, iya 89 n'iya 402;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 002/07.01 ryo ku wa 27/07/2020 rigena umubare, ubwoko, imiterere n'imikoreshereze by'ibitabo by'irangamimerere;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 27/07/2020 rigena umukozi wo mu kigo cy'ubuvuzi ufite ububasha bw'umwanditsi w'irangamimerere;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 26/03/2025 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 001/07.01 OF 21/05/2025 ON CIVIL STATUS REGISTRATION</p> <p>The Minister of Local Government;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;</p> <p>Pursuant to Law n° 71/2024 of 26/06/2024 governing persons and family, especially in Articles 61, 67, 89 and 402;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 002/07.01 of 27/07/2020 determining the number, type, format and use of civil status registers;</p> <p>Reviewing Ministerial Order n° 001/07.01 of 27/07/2020 determining the officer of the health facility with powers of civil registrar;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 26/03/2025;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/07.01 DU 21/05/2025 RELATIF À L'ENREGITREMENT DE L'ÉTAT CIVIL</p> <p>Le Ministre de l'Administration Locale ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda ;</p> <p>Vu la Loi n° 71/2024 du 26/06/2024 régissant les personnes et la famille, spécialement en ses articles 61, 67, 89 et 402 ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 002/07.01 du 27/07/2020 déterminant le nombre, le type, le format et l'utilisation des registres de l'état civil ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 001/07.01 du 27/07/2020 déterminant l'agent de l'établissement de santé ayant la compétence d'officier de l'état civil ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 26/03/2025 ;</p> <p>ARRÊTE :</p>
--	--	---

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p>Iri teka rigena –</p> <p>(a) imiterere n'imikoreshereze by'ibitabo by'irangamimerere;</p> <p>(b) uburyo ibikubiye mu nyandiko z'irangamimerere bibikwa mu buryo bw'ikoranabuhanga n'igihe bimara bibitswe;</p> <p>(c) umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi, inshingano ze n'uburyo zishyirwa mu bikorwa;</p> <p>(d) n'impamvu n'ibisabwa mu kwandikisha ivuka ryakererewe n'ivuka ryakererewe cyane.</p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p>This Order determines –</p> <p>(a) the format and use of civil status registers;</p> <p>(b) modalities of electronic keeping of physical register records and time of their conservation;</p> <p>(c) civil registrar in a healthcare facility, their responsibilities and modalities for their performance; and</p> <p>(d) grounds and requirements for late birth registration and delayed birth registration.</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté</p> <p>Le présent arrêté détermine –</p> <p>(a) le format et l'utilisation des registres de l'état civil ;</p> <p>(b) les modalités de la tenue électronique du contenu des registres physiques et la durée de leur conservation;</p> <p>(c) l'officier de l'état civil dans un établissement de santé, ses attributions et les modalités de leur exercice ; et</p> <p>(d) les motifs et les exigences d'enregistrement tardif de naissance et d'enregistrement retardé de naissance.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: IBITABO BY'IRANGAMIMERERE</u></p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Imiterere y'ibitabo by'irangamimerere</p> <p>(1) Ibitabo by'irangamimerere byuzuzwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.</p>	<p><u>CHAPTER II: CIVIL STATUS REGISTERS</u></p> <p><u>Article 2:</u> Format of civil status registers</p> <p>(1) The civil status registers are filled electronically.</p>	<p><u>CHAPITRE II : REGISTRES DE L'ÉTAT CIVIL</u></p> <p><u>Article 2 :</u> Format des registres de l'état civil</p> <p>(1) Les registres de l'état civil sont complétés électroniquement.</p>

<p>(2) Imiterere y'inyandiko zikubiye muri buri bwoko bw'igitabo cy'irangamimerere igaragara ku migereka ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) umugereka wa 1: igitabo cy'inyandiko z'amavuko;</p> <p>(b) umugereka wa 2: igitabo cy'inyandiko z'abapfuye;</p> <p>(c) umugereka wa 3: igitabo cy'inyandiko z'abashyingiranywe;</p> <p>(d) umugereka wa 4: igitabo cy'inyandiko z'ubwishingire;</p> <p>(e) umugereka wa 5: igitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera abana bavutse ku batarashyingiranywe;</p> <p>(f) umugereka wa 6: igitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye;</p> <p>(g) umugereka wa 7: igitabo cy'inyandiko zerekeye ubutane.</p>	<p>(2) The format of records from each type of civil status register is mentioned in Annexes in the following way:</p> <p>(a) Annex 1: register of birth records;</p> <p>(b) Annex 2: register of death records;</p> <p>(c) Annex 3: register of marriage records;</p> <p>(d) Annex 4: register of guardianship records;</p> <p>(e) Annex 5: register of recognition of children born out of wedlock;</p> <p>(f) Annex 6: register of adoption records;</p> <p>(g) Annex 7: register of divorce records.</p>	<p>(2) Le format des actes contenus dans chaque type de registre de l'état civil est mentionné aux annexes de façon suivante :</p> <p>(a) annexe 1: registre des actes de naissance ;</p> <p>(b) annexe 2: registre des actes de décès ;</p> <p>(c) annexe 3: registre des actes de mariage ;</p> <p>(d) annexe 4: registre des actes de tutelle ;</p> <p>(e) annexe 5: registre des actes de reconnaissance des enfants nés hors mariage ;</p> <p>(f) annexe 6: registre des actes d'adoption ;</p> <p>(g) annexe 7: registre des actes de divorce.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 3:</u> Umubare w'ibitabo bikoreshwa muri buri biro by'irangamimerere</p> <p>Muri buri biro by'irangamimerere, hakoreshwamo igitabo kimwe cya buri bwoko bw'inyandiko z'irangamimerere.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibikwa ry'ibitabo by'irangamimerere byujujwe ku mpapuro</p> <p>Ibitabo by'irangamimerere byujujwe ku mpapuro bibikwa mu biro by'irangamimerere byakoreshejwemo uko imyaka yagiye ikurikirana kandi ntibisaza.</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Uburyo ibikubiye mu bitabo by'irangamimerere byujujwe ku mpapuro bibikwa</p> <p>Ibikubiye mu bitabo by'irangamimerere byujujwe ku mpapuro kandi byashyizwe mu ikoranabuhanga ku rwego rw'imirenge bihurizwa, mu buryo buhoraho, ku rwego rw'Igihugu mu bubiko bw'amakuru koranabuhanga.</p>	<p><u>Article 3:</u> Number of registers used in each civil status office</p> <p>In each civil status office, there is one register of each type of civil status record.</p> <p><u>Article 4:</u> Archiving of physical civil status registers</p> <p>Physical civil status registers that have been physically completed are archived in the civil status office where they were used, in chronological order, and do not expire.</p> <p><u>Article 5:</u> Modalities of keeping data of physical civil status registers</p> <p>The data of physical civil status registers electronically recorded at Sector levels are permanently compiled at national level in the electronic database.</p>	<p><u>Article 3 :</u> Nombre des registres utilisés dans chaque bureau de l'état civil</p> <p>Dans chaque bureau de l'état civil, il y a un registre pour chaque type d'acte de l'état civil.</p> <p><u>Article 4 :</u> Archivage des registres physiques de l'état civil</p> <p>Les registres de l'état civil qui ont été complétés physiquement sont archivés dans le bureau de l'état civil où ils ont été utilisés suivant l'ordre chronologique et n'expirent pas.</p> <p><u>Article 5 :</u> Modalités de la tenue des données des registres physiques de l'état civil</p> <p>Les données des registres physiques de l'état civil qui sont saisies électroniquement au niveau des Secteurs sont compilées, de façon permanente, au niveau national dans la base de données électronique.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Agaciro k'inyandiko y'irangamimerere ibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga</p> <p>Inyandiko y'irangamimerere ibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga igira agaciro kangana n'ak'inyandiko y'irangamimerere yujujwe ku mpapuro.</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Igihe ibikubiye mu nyandiko z'irangamimerere bibitse mu buryo bw'ikoranabuhanga bimara bibitse</p> <p>Ibitabo by'irangamimerere bibitswe mu buryo bw'ikoranabuhanga, inyandiko zabyo n'ibikubiyemo bibikwa mu buryo buhoraho.</p> <p><u>UMUTWE WA III: UMWANDITSI W'IRANGAMIMERERE MU KIGO CY'UBUVUZI, INSHINGANO ZE N'UBURYO ZISHYIRWA MU BIKORWA</u></p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>(1) Umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi agenwa ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) Umuyobozi w'ishami ry'abaforomo n'ababyaza mu bitaro bya Leta cyangwa</p>	<p><u>Article 6:</u> Value of the civil status record kept electronically</p> <p>The civil status record kept electronically has the same value as the physical civil status record.</p> <p><u>Article 7:</u> Conservation duration of data of civil status records kept electronically</p> <p>Electronic civil status registers, their records and data are kept in a permanent way.</p> <p><u>CHAPTER III: CIVIL REGISTRAR IN A HEALTHCARE FACILITY, THEIR RESPONSIBILITIES AND MODALITIES FOR THEIR PERFORMANCE</u></p> <p><u>Article 8:</u> Civil registrar in a healthcare facility</p> <p>(1) A civil registrar in a healthcare facility is determined as follows:</p> <p>(a) the Director or the acting Director of the unit of nurses and midwives, in a public hospital;</p>	<p><u>Article 6 :</u> Valeur de l'acte de l'état civil tenu électroniquement</p> <p>L'acte de l'état civil tenu électroniquement a la même valeur que l'acte de l'état civil physique.</p> <p><u>Article 7 :</u> Durée de conservation des données des actes de l'état civil tenus électroniquement</p> <p>Les registres de l'état civil tenus électroniquement, leurs actes et leurs données sont conservés de façon permanente.</p> <p><u>CHAPITRE III : OFFICIER DE L'ÉTAT CIVIL DANS UN ÉTABLISSEMENT DE SANTÉ, SES ATTRIBUTIONS ET LES MODALITÉS DE LEUR EXERCICE</u></p> <p><u>Article 8 :</u> Officier de l'état civil dans un établissement de santé</p> <p>(1) L'officier de l'état civil dans un établissement de santé est déterminé comme suit :</p> <p>(a) le Directeur ou le Directeur intérimaire de l'unité des infirmiers et des sages-femmes, dans un</p>
---	---	---

<p>umusigire we;</p> <p>(b) Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Leta cyangwa umusigire we;</p> <p>(c) Umuyobozi w'ivuriro ry'ibanze rya Leta rifite serivisi zo kubyaza;</p> <p>(d) umukozi wo mu ishami ry'ubuforomo n'ububanza mu kigo cy'ubuvuzi cyigenga cyangwa umusigire wabihereye ububasha, mu nyandiko, n'Umuyobozi w'icyo kigo.</p> <p>(2) Umwanditsi w'irangamimerere wo mu kigo cy'ubuvuzi agomba kuba ari Umunyarwanda kandi atarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenga amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi</u></p> <p>Umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kwakira imenyeshya ry'abavukiye mu kigo cy'ubuvuzi;</p>	<p>(b) the Head or the acting Head of a public health centre;</p> <p>(c) the Head of a public health post that offers midwifery services;</p> <p>(d) an officer of the midwifery department in a private healthcare facility or their substitute with written delegation from the Head of the private healthcare facility.</p> <p>(2) A civil registrar in a healthcare facility must be a Rwandan national and must not have been sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months in a judgement which has become final.</p> <p><u>Article 9: Responsibilities of civil registrar in a healthcare facility</u></p> <p>A civil registrar in a healthcare facility has the following responsibilities:</p> <p>(a) to receive notifications of births occurred in the healthcare facility;</p>	<p>hôpital public ;</p> <p>(b) le Directeur ou le Directeur intérimaire d'un centre de santé public ;</p> <p>(c) le Titulaire d'un poste de santé public ayant un service de sages-femmes ;</p> <p>(d) un officier du département de sages-femmes dans un établissement de santé privé ou son remplaçant ayant une délégation écrite du Directeur de cet établissement de santé privé.</p> <p>(2) L'officier de l'état civil dans un établissement de santé doit être de nationalité rwandaise et ne doit pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois dans un jugement devenu définitif.</p> <p><u>Article 9 : Attributions de l'officier de l'état civil dans un établissement de santé</u></p> <p>L'officier de l'état civil dans un établissement de santé a les attributions suivantes :</p> <p>(a) recevoir les notifications des naissances survenues dans</p>
---	--	--

<p>(b) gukora inyandiko z'irangamimerere zerekeranye n'ivuka mu kigo cy'ubuvuzi, kuzikosora no gutanga kopi zazo;</p> <p>(c) kwakira imenyeshya ry'abapfiriye muri icyo kigo cy'ubuvuzi;</p> <p>(d) gukora inyandiko z'irangamimerere zerekeranye n'urupfu mu kigo cy'ubuvuzi, kuzikosora no gutanga kopi zazo.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Inyandiko ihabwa uwandikishije ivuka ry'umwana ryabereye mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>Umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi aha uwandikishije umwana wavukiye muri icyo kigo cy'ubuvuzi kopi y'inyandiko y'ivuka ry'umwana igaragaza inomero yihariye iranga umwana. Iyo nomero ni yo iranga umwana mu buzima bwe bwose.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Imenyeshya ry'umuntu ufite irangamimerere ritazwi wapfiriye mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>Umukozi w'ikigo cy'ubuvuzi ufite imibereho myiza mu nshingano ashinzwe kumenyesha</p>	<p>(b) to draw up civil status records related to births occurred in the healthcare facility, correcting them and issuing copies;</p> <p>(c) to receive notifications of deaths occurred in the healthcare facility;</p> <p>(d) to draw up civil status records in relation to deaths occurred in the healthcare facility, correcting them and issuing their copies.</p> <p><u>Article 10:</u> Record issued to a person declaring that a birth occurred in a healthcare facility</p> <p>A civil registrar in a healthcare facility provides a person who declares a birth in the healthcare facility with a copy of the birth record, which includes a specific identification number for the registered child. This number identifies the child throughout their life.</p> <p><u>Article 11:</u> Declaration of a death that occurs in a healthcare facility for a person of unknown civil status</p> <p>The officer in charge of social affairs in a healthcare facility is in charge of declaring to</p>	<p>l'établissement de santé ;</p> <p>(b) dresser les actes de l'état civil relatifs aux naissances survenues dans l'établissement de santé, les corriger et délivrer leurs copies ;</p> <p>(c) recevoir les notifications des décès survenus dans l'établissement de santé;</p> <p>(d) dresser les actes de l'état civil relatifs aux décès survenues dans l'établissement de santé, les corriger et délivrer leurs copies.</p> <p><u>Article 10 :</u> Acte délivré à une personne qui déclare une naissance survenue dans un établissement de santé</p> <p>Un officier de l'état civil dans un établissement de santé fournit à la personne qui déclare une naissance dans cet établissement de santé une copie de l'acte de naissance, qui inclut le numéro d'identification spécifique pour l'enfant enregistré. Ce numéro identifie l'enfant tout au long de sa vie.</p> <p><u>Article 11 :</u> Déclaration du décès d'une personne inconnue survenu dans un établissement de santé</p> <p>L'agent d'un établissement de santé ayant les affaires sociales dans ses attributions est</p>
--	--	--

<p>umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi urupfu rw'umuntu ufite irangamimerere ritazwi rwabereye muri icyo kigo cy'ubuvuzi.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Kugenzura imirimo y'umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi</u></p> <p>Umwanditsi w'irangamimerere mu kigo cy'ubuvuzi agenzurwa n'umwanditsi w'irangamimerere ukorera ku rwego rw'Umurenge icyo kigo cy'ubuvuzi giherereyemo.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: KWANDIKISHA IVUKA RYAKEREREWE N'IVUKA RYAKEREREWE CYANE</u></p> <p><u>Ingingo ya 13: Isobanura</u></p> <p>Muri uyu mutwe:</p> <p>(a) « iyandikisha ry'ivuka ryakererewe » bivuga iyandikisha ry'ivuka rikozwe nyuma y'iminsi 30 umwana avutse, ariko bitarenze amezi 12;</p> <p>(b) « iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane » bivuga iyandikisha ry'ivuka rikozwe nyuma</p>	<p>the civil registrar in a healthcare facility the death of a person whose civil status is unknown, which occurs in a healthcare facility.</p> <p><u>Article 12: Supervision of the activities of a civil registrar in a healthcare facility</u></p> <p>The civil registrar in a healthcare facility is supervised by the civil registrar at the level of the Sector where the healthcare facility is located.</p> <p><u>CHAPTER IV: LATE BIRTH REGISTRATION AND DELAYED BIRTH REGISTRATION</u></p> <p><u>Article 13: Interpretation</u></p> <p>In this chapter:</p> <p>(a) “late birth registration” means a birth registration done after 30 days of birth, but not more than 12 months;</p> <p>(b) “delayed birth registration” means a birth registration done after 12 months from the birth of the child.</p>	<p>chargé de déclarer à l'officier de l'état civil dans cet établissement de santé le décès d'une personne dont l'état civil est inconnu, survenu dans cet établissement de santé.</p> <p><u>Article 12 : Supervision des activités de l'officier de l'état civil dans un établissement de santé</u></p> <p>L'officier de l'état civil dans un établissement de santé est supervisé par l'officier de l'état civil au niveau du Secteur où se trouve l'établissement de santé.</p> <p><u>CHAPITRE IV : ENREGISTREMENT TARDIF DE NAISSANCE ET ENREGISTREMENT RETARDÉ DE NAISSANCE</u></p> <p><u>Article 13 : Interprétation</u></p> <p>Dans le présent chapitre :</p> <p>(a) « enregistrement tardif de naissance » signifie l'enregistrement de naissance fait après 30 jours de la naissance de l'enfant, mais pas plus de 12 mois;</p> <p>(b) « enregistrement retardé de naissance » signifie l'enregistrement de naissance effectué après 12 mois de</p>
--	---	---

<p>y'amezi 12 umwana avutse.</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Impamvu zishobora gutera iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane</p> <p>Impamvu zishobora gutera iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ni izi zikurikira:</p> <p>(a) kuba ivuka ryarabereye aho bitashoboka ko ryandikwa ku gihe;</p> <p>(b) kuba abafite inshingano zo kwandika ivuka batarabikoze ku gihe;</p> <p>(c) kuba ushaka iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane atari yarashoboye kumenya umwirondoro we mbere y'iyandikisha;</p> <p>(d) kuba inkomoko y'umwana wavutse itaramenyekanye mu gihe cy'iyandikwa giteganywa n'itegeko;</p> <p>(e) indi mpamvu yagaragazwa n'uwifuza iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane.</p>	<p><u>Article 14:</u> Grounds for late birth registration or delayed birth registration</p> <p>Grounds that may lead to late birth registration or delayed birth registration are the following:</p> <p>(a) the birth occurred in a place where registration within the prescribed period was not possible;</p> <p>(b) the officers in charge of birth registration did not do it within the prescribed period;</p> <p>(c) the person who wishes to have a late birth registration or delayed birth registration did not know their identity before the registration;</p> <p>(d) the child's origin was not known during the period of registration prescribed by law;</p> <p>(e) another reason advanced by the person who wishes to have a late registration of birth or delayed registration of birth.</p>	<p>la naissance de l'enfant.</p> <p><u>Article 14 :</u> Motifs de l'enregistrement tardif de naissance ou de l'enregistrement retardé de naissance</p> <p>Les motifs de l'enregistrement tardif de naissance ou de l'enregistrement retardé de naissance sont les suivants :</p> <p>(a) la naissance a eu lieu dans un endroit où l'enregistrement dans le délai prescrit n'était pas possible ;</p> <p>(b) les officiers chargés de l'enregistrement de naissance ne l'ont pas fait dans le délai prescrit ;</p> <p>(c) la personne qui désire l'enregistrement tardif de naissance ou l'enregistrement retardé de naissance ne connaissait pas son identité avant l'enregistrement ;</p> <p>(d) l'origine de l'enfant n'était pas connu pendant le délai d'enregistrement prescrit par la loi;</p> <p>(e) une autre raison pouvant être avancée par la personne qui désire l'enregistrement tardif de naissance ou l'enregistrement retardé de naissance.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Ibisabwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ryabereye mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>Umuntu wifuza gukoresha iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane mu gitabo cy'inyandiko z'ivuka yerekana icyemezo cya muganga w'ikigo cy'ubuvuzi uwandikishwa yavukiyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Ibisabwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ryabereye ahari mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>Umuntu wifuza kwandikisha ivuka ryakererewe cyangwa ivuka ryakererewe cyane mu gitabo cy'inyandiko z'ivuka ariko ivuka rikaba ryabereye ahari mu kigo cy'ubuvuzi yerekana icyemezo cy'ivuka cyatanze n'umuyobozi ubifitiye ububasha w'aho uwandikishwa yavukiye, icy'uho atuye cyangwa icy'uho aba, kigaragaza amazina y'ababyeyi iyo bazwi, n'itariki yavukiyeho kandi akitwaza abatangabuhamya babiri bagejeje ku myaka nibura 18 y'amavuko.</p>	<p><u>Article 15:</u> Requirements for late birth registration or delayed birth registration for birth occurred in a healthcare facility</p> <p>A person who wishes late birth registration or delayed birth registration to be made in a birth record register presents a medical certificate issued by the healthcare facility where the person to be registered was born.</p> <p><u>Article 16:</u> Requirements for a late birth registration or delayed birth registration for birth not occurred in healthcare facility</p> <p>A person who wishes a late birth registration or delayed birth registration to be made in a birth record register, but the person to be registered was not born in a healthcare facility, presents a birth certificate issued by the competent authority of the place of birth, domicile or residence of the person to be registered indicating the names of the person's parents if they are known and the date of birth, in the presence of two witnesses aged at least 18 years.</p>	<p><u>Article 15 :</u> Exigences pour l'enregistrement tardif ou retardé de la naissance survenue dans un établissement de santé</p> <p>Une personne qui désire que l'enregistrement tardif de naissance ou l'enregistrement retardé de naissance soit effectué dans le registre des actes des naissances présente un certificat médical délivré par l'établissement de santé où la personne à enregistrer est né.</p> <p><u>Article 16 :</u> Exigences pour l'enregistrement tardif ou retardé de la naissance non survenue dans un établissement de santé</p> <p>Une personne qui désire que l'enregistrement tardif de naissance ou l'enregistrement retardé de naissance soit effectué dans le registre des actes de naissances, mais la naissance de la personne à enregistrer n'a pas eu lieu dans un établissement de santé, présente un certificat de naissance délivré par l'autorité compétente de son lieu de naissance, de domicile ou de résidence indiquant les noms de ses parents lorsqu'ils sont connus et la date de naissance, en présence de deux témoins âgés d'au moins 18 ans.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 17:</u> Ibisabwa by'umwihariko ku iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane ryabereye ahatari mu kigo cy'ubuvuzi</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 16, umuntu wifuza kwandikisha ivuka ryakererewe cyane ry'Umuntu ufite nibura imyaka 16 kandi ivuka ryabereye ahatari mu kigo cy'ubuvuzi yerekana imwe mu nyandiko zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga cyangwa <i>laisser- passer</i>; (b) kopi y'indangamuntu ikoreshwa; (c) kopi y'imwe mu ndangamuntu yigeze gukoreshwa mu Rwanda iriho umukono wa noteri; (d) inyandiko y'ubwishingizi bw'ubuvuzi yatanze n'urwego rubifitiye ububasha; (e) icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda; (f) urubanza rwabaye ndakuka rusimbura inyandiko y'ivuka itarabonetse cyangwa itarakozwe ku gihe; 	<p><u>Article 17:</u> Particular requirements for delayed birth registration for birth not occurred in a healthcare facility</p> <p>Subject to provisions of Article 16, a person who wishes a delayed birth registration of a person aged at least 16 years whose birth did not occur in a healthcare facility presents one of the following documents:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) a passport or <i>laisser- passer</i>; (b) a copy of current national identity card; (c) a notarized copy of another national identity card previously used in Rwanda; (d) a health medical insurance document issued by a competent authority; (e) a Rwandan nationality certificate; (f) a final judgment substituting a birth record not found or not drawn up on time; 	<p><u>Article 17 :</u> Exigences particulières pour l'enregistrement retardé de la naissance non survenue dans un établissement de santé</p> <p>Sous réserve des dispositions de l'article 16, une personne qui désire l'enregistrement retardé de naissance d'une personne âgée d'au moins 16 ans dont la naissance n'a pas eu lieu dans un établissement de santé présente l'un des documents suivants :</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) un passeport ou un <i>laisser- passer</i> ; (b) une copie de la carte nationale d'identité en usage ; (c) une copie notariée d'une autre carte d'identité nationale ayant été utilisée au Rwanda ; (d) un document d'assurance maladie médicale délivré par une autorité compétente ; (e) un certificat de nationalité rwandaise ; (f) un jugement définitif supplétif d'acte de naissance non trouvé ou non établi à temps ;
---	--	--

<p>(g) agatabo k'ishyingirwa ry'ababyeyi b'uwandikwa mu gihe cy'ukwemerwa kw'abana nk'aho bavutse ku bashyingiranywe;</p> <p>(h) inyandiko yo kugira umwana uwo utabyaye mu buryo busesuye;</p> <p>(i) inyandiko iranga umuntu itangwa n'uhagarariye u Rwanda mu mahanga, impamyabumenyi, impamyabushobozi n'indangamanota z'ibizamini byatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(j) indi nyandiko igaragaza neza umwirondoro w'uwandikwa yatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>(g) a marriage booklet for parents in case of legitimization of children;</p> <p>(h) a full adoption record;</p> <p>(i) a consular card, a degree, a certificate or academic transcript issued by a competent authority;</p> <p>(j) another document identifying clearly the person to be registered issued by a competent authority.</p>	<p>(g) un livret de mariage des parents en cas de légitimation des enfants ;</p> <p>(h) un acte d'adoption plénière ;</p> <p>(i) une carte consulaire, un diplôme, un certificat ou un relevé de résultats académiques délivrés par une autorité compétente ;</p> <p>(j) un autre document identifiant clairement la personne à enregistrer, délivré par une autorité compétente.</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Aho iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikisha ry'ivuka ryakererewe cyane rikorerwa</p> <p>Iyandikwa ry'ivuka ryakererewe cyangwa iyandikwa ry'ivuka ryakererewe cyane rikorerwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'Umurenge cyangwa uw'Akarere by'aho uwandikisha ivuka aba cyangwa atuye.</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>Article 18:</u> Place of late birth registration or delayed birth registration</p> <p>Late birth registration or delayed birth registration is made before a civil registrar of a Sector or a District of residence or domicile of the person who wishes the registration.</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>Article 18 :</u> Lieu d'enregistrement tardif de naissance ou d'enregistrement retardé de naissance</p> <p>L'enregistrement tardif de naissance ou l'enregistrement retardé de naissance est effectué auprès d'un officier d'état civil du Secteur ou du District de résidence ou de domicile de la personne qui désire l'enregistrement.</p> <p><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u></p>

<p><u>Ingingo ya 19: Ingingo y’ururimi</u></p> <p>Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 20: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Amateka ya Minisitiri akurikira avanyweho:</p> <p>(a) Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 27/07/2020 rigena umukozi wo mu kigo cy’ubuvuzi ufite ububasha bw’umwanditsi w’irangamimerere;</p> <p>(b) Iteka rya Minisitiri n° 002/07.01 ryo ku wa 27/07/2020 rigena umubare, ubwoko, imiterere n’imikoreshereze by’ibitabo by’irangamimerere.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>Article 19: Language provision</u></p> <p>This Order was drafted in Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 20: Repealing provision</u></p> <p>The following Ministerial Orders are repealed:</p> <p>(a) Ministerial Order n° 001/07.01 of 27/07/2020 determining the officer of the healthcare facility with powers of civil registrar;</p> <p>(b) Ministerial Order n° 002/07.01 of 27/07/2020 determining the number, type, format and use of civil status registers.</p> <p><u>Article 21: Entry into force</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 19 : Disposition linguistique</u></p> <p>Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.</p> <p><u>Article 20 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>Les arrêtés Ministériels suivants sont abrogés:</p> <p>(a) l’Arrêté Ministériel n° 001/07.01 du 27/07/2020 déterminant l’agent de l’établissement de santé ayant la compétence d’officier de l’état civil ;</p> <p>(b) l’Arrêté Ministériel n° 002/07.01 du 27/07/2020 déterminant le nombre, le type, le format et l’utilisation des registres de l’état civil.</p> <p><u>Article 21 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, 21/05/2025

(sé)

Dr MUGENZI Patrice
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
Minister of Local Government
Ministre de l'Administration Locale

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux